**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**

**AKARERE KA NGORORERO**

**E-mail: info@ngororero.gov.rw**
**B.P: 103 GITARAMA**

**Ngororero, kuwa 12/01/2023**
**N°.236.../07.03.05 /2022 Health**

**Bwana Guvernineri w'Intara y'Iburengerazuba**

**Impamvu**: kohereza raporo y'amarushanwa y'isuku, isukura no kurwanya igwingira ry'abana

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kuboherereza ku mugereka w'iyi baruwa raporo y'amarushanwa y'isuku, isukura no kurwanya igwingira ry'abana. Aya marushanwa yatangiye kuwa 10/12/2022 yitabirwa mu Karere kose ka Ngororeo kuva ku rwego rw'Akarere, imirenge, utugari, imidugudu n'amasibo.

Ku mugereka murahasanga raporo irambuye.

Mugire amahoro.

AKARERE KA NGORORERO

**NKUSI Christophe**

Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero

**Bimenyeshejwe:**

- Madamu Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngororero
- Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere wungirije ……. ( Bombi)
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Ngororero
- Bwana Umuyobozi w'ishami ry'ubuzima mu Karere ka Ngororero

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**

**AKARERE KA NGORORERO**

**E-mail: info@ngororero.gov.rw**
**B.P: 103 GITARAMA**

# RAPORO Y'AMARUSHANWA Y'ISUKU, ISUKURA NO KURWANYA IGWINGIRA RY'ABANA

## 1. Intangiriro

Amarushanwa y'isuku, isukura no kurinda abana ubugwingire yateguwe mu rwego rwo kurinda abana bacu ndetse n'abakuru indwara ziterwa n'umwanda ndetse n'igwingira. Aya marushanwa yabereye mu ntara , Umujyi wa Kigali n'uturere aterwa inkunga na Polisi y'u Rwanda ifatanije na NCDA. Muri aya marushanwa hakozwe ibikorwa bitandukanye bigamije gutera inkunga ubukangurambaga ku isuku n'isukura ndetse no gutegura ifunguro rinoze kandi ryuzuye rihabwa abana kugira ngo hirindwe igwingira ry'abana.

## 2. Intego z'amarushanwa

Aya marushanwa yari agamije kongera umuco w'isuku n'isukura no kwirinda igwingira ry'abana hanirindwa indwara ziterwa n'umwanda mu bana bato n'abantu bakuru.


## 3. Ibikorwa byakozwe muri aya marushanwa


Muri aya marushanwa hakozwe ibikorwa bitandukanye kandi byakozwe mu nzego zose kuva ku rwego rw'Akarere kugeza ku isibo.

Bimwe mu bikorwa byakozwe ni ibi bikurikira:

## a. IBIKORWA BYAKOZWE MU RWEGO RW'AKARERE

Ubukangurambaga bugamije gushishikariza abaturage kugira isuku ahantu hose no kurwanya ubugwingire bw'abana byakozwe hirya no hino mu mirenge. Muri ubu bukangurambaga hakozwe inama zitandukanye kuva Ku karere gugeza ku masibo. Hakozwe kandi amasezerano y'imihigo hagati y'umurenge/Akagari na ba Mutwarasibo n'Abakuru b'imidugudu.





Hakozwe kandi ubugenzuzi bugamije kureba uko ingamba zo kwimakaza isuku n'imibereho y'umwana zubahirizwa no gukurikirana ingamba zo kuvura abana bagaragayeho kugwingira n'indwara ziterwa n'isuku nke.



### b. IBIKORWA BYAKOZWE MU MIRENGE ITANDUKANYE

Inama z'ubukangurambaga kuva ku rwego rw'Akarere kugeza mu rwego rw'isibo.

Inama z'ubukangurambaga zari zigamije kumenyekanisha ibi bikorwa zakozwe mu mirenge yose.

Amafoto agaragaza iki gikorwa mu mirenge itandukanye

Inama z'Ubukangurambaga hirya no hino mu tugari


Hiryo no hino mu mirenge n'utugari hakozwe ubukangurambaga bugamije kwigisha abaturage ibyiza by'isuku, gukaraba intoki, gutegura indyo yuzuye no kwita ku mwana ufite imirire mibi muri rusange.

**Gusinyana amasezerano y'imihigo hagati y'amasibo**


Mu mirenge yose hasinywe imihigo hagati y'ubuyobozi bw'umurenge n'abayobozi b'amasibo bose. Ibi byatumye buri sibo na buri mudugudu bumva ko ari uruhare rwabo mu gushyira mu bikorwa aya marushanwa n'isuku.

**Ubukangurambaga ahahurira abantu benshi**


Mu mirenge yose habaye Ubukangurambaga yabereye ahahurira abantu benshi akaba yaritabiriwe n'abaturage benshi, abanyeshuli n'abagenzi ba



*Mu murenge wa Gatumba, Umukozi ushinzwe imirire ku bitaro bya Muhororo ari kwigisha abitabiriye Inama Ifishe y'imikurire y'umwana n'ikibaho cy'umudugudu kuva ku umudugudu kugeza ku Umurenge.*





*Urugendo rw'ubukangurambaga mu Murenge wa Gatumba*




*Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero yitabiriye ubukangurambaga mu Murenge wa Gatumba*

**Gukora ubukangurambaga no kunoza isuku mungo mbonezamikurire**

Muri ubu bukangurambaga hashyizwe imbaraga mu kunoza isuku mungo mbonezamikurira hibandwa ku isuku yo mu gikoni, isuku yo mu mashuli, isuku y'aho bakarabira, isuku yo mu bwiherero, n'ahandi. Hashyizweho kandi ibyapa biranga aho ingo mbonezamikurire ziherereye kugirango byorohere uwo ariwe wese kugera aho ziherereye.




*Ibyapa bishishikariza abaturage kwimakaza isuku, isukura n'imirire iboneye mu Murenge wa Kabaya na Gatumba*

### C. UMUSARURO WAVUYE MU MARUSHANWA

**Uko imirenge yakurikiranye mu marushanwa**

| No | Umurenge | Amanota yose ku 150 | % |
|---|---|---|---|
| 1 | GATUMBA | 147 | 98.0% |
| 2 | NGORORERO | 143 | 95.3% |
| 3 | NYANGE | 138 | 92.0% |
| 4 | KABAYA | 138 | 92.0% |
| 5 | SOVU | 131 | 87.3% |
| 6 | MUHORORO | 130 | 86.7% |
| 7 | MATYAZO | 128 | 85.3% |
| 8 | MUHANDA | 125 | 83.3% |
| 9 | BWIRA | 125 | 83.3% |
| 10 | HINDIRO | 121 | 80.7% |
| 11 | NDARO | 118 | 78.7% |
| 12 | KAGEYO | 113 | 75.3% |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 13 | **KAVUMU** | 113 | 75.3% |
| | **Average** | **1670** | **85.6%** |

**Utugari twabaye utwa mbere muri buri murenge**

| **No** | **Umurenge** | **Akagari** | **Amanota yose ku 150** | **%** |
|---|---|---|---|---|
| 1 | **GATUMBA** | Rusumo | 148 | 98.7% |
| 2 | **NGORORERO** | Rususa | 144 | 96.0% |
| 3 | **BWIRA** | Kabarondo | 143 | 95.3% |
| 4 | **KABAYA** | Kabaya | 142 | 94.7% |
| 5 | **NYANGE** | Gaseke | 138 | 92.0% |
| 6 | **MUHANDA** | Mashya | 138 | 92.0% |
| 7 | **NDARO** | Bijyojyo | 137 | 91.3% |
| 8 | **HINDIRO** | Gatare | 131 | 87.3% |
| 9 | **KAGEYO** | Kageshi | 130 | 86.7% |
| 10 | **SOVU** | Birembo | 130 | 86.7% |
| 11 | **MUHORORO** | Myiha | 129 | 86.0% |
| 12 | **KAVUMU** | Nyamugeyo | 126 | 84.0% |
| 13 | **MATYAZO** | Binana | 124 | 82.7% |
| | **Average** | | **1760** | **90.3%** |

### 4. Udushya n'ibikorwa by'indashyikirwa mu marushanwa

Mu dushyatwakoreshejwe muri aya marushanwa ni utu dukurikira:

**MU RWEGO RW'AKARERE:**

**Umuganura w'umwana na parrainage**: Gahunda y'umuganura w'umwana mu Karere ka Ngororero ni gahunda igamije kwimakaza uruhare rwa buri wese mu gufatanya kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana bato. Muri iyi gahunda hazakusanywa inkunga yo gushyikiriza imiryango ifite abana bafite imirire mibi n'Ingo mbonezamikurire. Inkunga izafasha mu kwimakaza imirire myiza no kurwanya igwingira by'umwihariko. Kugeza kuwa 31/12/2022 mu Karere hose hari hamaze gukusanwa imisaanzu ingana na **5,767,000 Frw**

**Igitondo cy'isuku**: Mu karere kose ku rwego rwa buri sibo, imiryango ndetse na centres z'ubucuruzi babyukira mu masuku akorerwa aho batuye n'aho bakorera buri wa kabiri na buri wa gatandatu.

**Muhanda:** Mu murenge wa Muhanda ku bufatanye n'abafatanyabikorwa baguze moto izajya ifasha mu gukurikirana ibikorwa by'isuku, umutekano n'imirire iboneye.

**Gatumba**: Radiyo Gatumba, kongera umubare wa Poubelles muri centres z'ubucuruzi zose, Ibyapa bikangurira abaturage umuco w'isuku n'imirire.

**Nyange**: Mu murenge wa Nyange bafite agashya ka Tubakarabye bake n'iziko ry'umudugudu.

5. **Umwanzuro**

Akarere ka Ngororero twishimiye cyane aya marushanwa y'isuku, isukura n o kurwanya Imirire mibi, tukaba dushimira cyane Igihugu ku ngufu gikomeje gushyira mu kwimakaza isuku n'isukura no kurwanya igwingira ry'abana. By'Umwihariko turashimira cyane Polisi y'igihugu na NCDA kuba barateguye aya marushanwa, turashimira uruhare rw'abaturage n'abafatanyabikorwa bose badufashije muri ubu bukangurambaga.

Bikorewe Ngororero kuwa 12/01/2023

Biteguwe na:

**NYIRIMPUHWE Jean D'Amour,**

Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuzim

Byemejwe na:

**NKUSI Christophe,**

**Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero**

AKARERE KA NGORORERO